REPUBLIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'UBURINGANIRE N'ITERAMBERE RY'UMURYANGO

IMIRONGO NGENDERWAHO Y'UMUGOROBA W'ABABYEYI (UWA)

KIGALI, UKUBOZA 2015

IRIBURIRO **3**

I. INTANGIRIRO: **4**

II. ICYEREKEZO CY'UMUGOROBA W'ABABYEYI **4**

III. IKIGAMIJWE **4**

IV. INSHINGANO Z'UMUGOROBA W'ABABYEYI **4**

V. ABAGIZE UMUGOROBA W'ABABYEYI **5**

VI. INZEGO Z'UMUGOROBA W'ABABYEYI **5**

VII. INSHINGANO ZA KOMITE NYOBOZI Y'UMUGOROBA W'ABABYEYI **5**

7.1. Inshingano rusange: **5**

7.2. Inshingano zihariye: **6**

VIII. URWEGO UMUGOROBA W'ABABYEYI UKORERAHO **7**

IX. ITANGIZWA RY'UMUGOROBA W'ABABYEYI N'IGIHE UTERANIRA **7**

X. INGINGO ZIGANIRWAHO MU MUGOROBA W'ABABYEYI **7**

XI. RAPORO Z'UMUGOROBA W'ABABYEYI **8**

XII. INZEGO ZIKURIKIRANA IMIKORERE Y'UMUGOROBA W'ABABYEYI N'INSHINGANO ZAZO. **9**

XIII. IMIGEREKA **11**

13.1. AMAFISHI YO GUTANGIRAHO RAPORO----------

13.2. UBURYO UMUGOROBA W'ABABYEYI UYOBORWA…..

IRIBURIRO

Nejejwe no kubagezaho imirongo ngenderwaho y'Umugoroba w'Ababyeyi.

Umugoroba w'Ababyeyi ni igitekerezo cyavutse mu mwaka 2010, watangiye ari "Akagoroba k'abagore" kabafashaga kuganira ku bibazo bahura nabyo no kubikemura, ariko kubera akamaro kagaragaje hafashwe icyemezo ko waba "**Umugoroba w'Ababyeyi**" maze ugahuza ababyeyi bombi, abagore n'abagabo.
Umugoroba w'Ababyeyi watangijwe ku mugaragaro na Madamu wa Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, Jeannette KAGAME, ku itariki ya 8 Werurwe 2013 ku Munsi Mpuzamahanga w'Umugore wizihirizwe ku rwego rw'Igihugu mu Karere ka Musanze.

Umugoroba w'Ababyeyi ukaba ari urubuga ababyeyi b'abagore n'abagabo batuye mu mudugudu umwe bahuriramo kugira ngo bungurane ibitekerezo ku ngamba zafatwa n'abagize umuryango kugira ngo barusheho kwiteza imbere, kunoza imibanire yabo, bakumira kandi bakemura amakimbirane ashobora kuvuka mu ngo, mu baturanyi cyangwa ahandi aho ariho hose.

Nkaba mboneyeho guhamagarira ababyeyi bose ,abagabo n'abagore batuye mu mijyi no mu cyaro, abize n'abatarize kwitabira Umugoroba w'Ababyeyi.

Ndakangurira kandi abayobozi b'inzego z'ibanze kurushaho gushyira imbaraga kuri iyi gahunda y'Umugoroba w'Ababyeyi cyane cyane ishyirwa mu igenamigambi no mu mihigo kugirango urusheho gutanga umusaruro ushimishije mu iterambere ry'umuryango.

Ndashimira Madamu wa Nyakubahwa Perezida wa Repubulika ku ruhare adahwema kugaragaza mu iterambere ry'Umuryango, ndashimira n'abafatanyabikorwa bagira uruhare rugaragara mu kwita ku migendekere myiza y'umuryango bita mu ishyirwa mu bikorwa ry'Umugoroba w'Ababyeyi, ndashimira kandi abanyarwanda bakomeje kugaragaza umuco n'uruhare mu kwishakamo ibisubizo hagamijwe iterambere ry'umuryango.

Mboneyeho kandi guhamagarira komite z'Umugoroba w'Ababyeyi n'abafatanyabikorwa bose bakora mu bijyanye n'Umugoroba w'Ababyeyi kwifashisha iyi nyandiko y'imirongo ngenderwaho mu ishyirwa mu bikorwa ry'Umugoroba w'Ababyeyi.

GASINZIGWA Oda
Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango

I. INTANGIRIRO:

Umugoroba w'Ababyeyi ni urubuga ababyeyi b'abagore n'abagabo (abashakanye cyangwa bibana) batuye mu mudugudu umwe bahuriramo kugira ngo bungurane ibitekerezo kuri gahunda z'iterambere ry'Igihugu muri rusange no ku iterambere ry'umudugudu by'umwihariko hibandwa mu gufata ingamba zituma abagize Umuryango barushaho kunoza imibanire yabo n'iterambere ry'umuryango, bakumira kandi bakemura amakimbirane ashobora kuvuka mu miryango.

Umugoroba w'Ababyeyi watangijwe ku mugaragaro ku rwego rw'Igihugu na Madamu wa Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, *Jeannette KAGAME*, ku itariki ya 8 Werurwe 2013.

II. ICYEREKEZO CY'UMUGOROBA W'ABABYEYI

Ni ukugira umuryango utekanye, wubahana hagati y'umugabo n'umugore n'abana, wuzuzanya muri byose, wihagije mu bukungu, kandi wubakiye ku ndangagaciro z'umuco nyarwanda.

III. IKIGAMIJWE

Ni ugushyiraho urubuga ababyeyi (abagore n'abagabo) bagize Umudugudu bahuriramo kugira ngo bungurane ibitekerezo ku ngamba z'iterambere ry'imiryango yabo ku buryo burambye .

IV. INTEGO:

Intego z'umugoroba w'Ababyeyi ni izi zikurikira:

- ✓ Gushimangira imibanire n'imibereho myiza y'abagize umuryango
- ✓ Gukumira no gukemura amakimbirane
- ✓ Kuboneza uburere n'ubuzima by'abana
- ✓ Guteza imbere ubukungu mu miryango hagamijwe ejo hazaza heza
- ✓ Kungurana ibitekerezo ku bibazo byugarije imiryango no kubibonera ibisubizo

V. INSHINGANO Z'UMUGOROBA W'ABABYEYI

- ✓ Kungurana ibitekerezo ku ishyirwa mu bikorwa rya gahunda z'iterambere ry'Igihugu;
- ✓ Gufasha ababyeyi kungurana ibitekerezo ku mibanire n'imibereho yabo;
- ✓ Gukangurira ababyeyi kunoza uburere n'uburezi by'abana babo kuva umwana agisamwa;
- ✓ Gutega amatwi no kugira inama ababyeyi cyangwa abana bahuye n'ikibazo cy'ihohoterwa cyangwa andi makimbirane.
- ✓ Kuganira ku bibazo bitandukanye bigaragara mu muryango.
- ✓ Gusangira ubuhamya no kwigira ku bandi uburyo bakoresheje mu iterambere no mu gukemura ibibazo byo mu rugo;

- ✓ Gutoza abana n'urubyiruko rw'abahungu n'abakobwa gukomera ku ndangagaciro z'umuco nyarwanda;
- ✓ Kuganira n'urubyiruko ku buzima bw'imyororokere no kwitegura gushinga urugo.
- ✓ Gusura imiryango hagamijwe kurushaho kumenyana, gusabana, gusuzuma aho imiryango igeze mu iterambere no gukumira amakimbirane.
- ✓ Gufashanya mu iterambere ry'ubukungu (kuremerana, guhana umubyizi, kubyarana muri batisimu, …)

VI. ABAGIZE UMUGOROBA W'ABABYEYI

Umugoroba w'Ababyeyi ugizwe n' abagore n'Abagabo (abashakanye cyangwa bibana) bose batuye mu mudugudu umwe. Ushobora gutumirwamo abasore n'inkumi, abana b'abakobwa n'ab'abahungu bitewe n'ingingo ziganirwaho.

VII. INZEGO Z'UMUGOROBA W'ABABYEYI

Umugoroba w'ababyeyi ugizwe n'inzego zikurikira:

- ✓ Inama Rusange y'Umugoroba w'Ababyeyi igizwe n'ababyeyi bose batuye Umudugudu.
- ✓ Komite Nyobozi igizwe n'abantu 5 (***abagore n'abagabo***) bazwiho ubunyangamugayo kandi bagira ibanga, batorwa n'Inama Rusange, bagatorerwa manda y'imyaka ibiri, ishobora kongerwa inshuro imwe.

  Komite Nyobozi igizwe n'aba bakurikira:

  - ✓ Perezida
  - ✓ Visi Perezida
  - ✓ Umunyamabanga
  - ✓ Abajyanama babiri

Icyitonderwa:

1. Abagize Komite Nyobozi y'Umugoroba w'ababyeyi ni abakorerabushake biyemeje guteza imbere umuryango .
2. Umukuru w'Umudugudu kubera inshingano afite zo guhuza ibikorwa byose by'Umudugudu ntashobora gutorerwa kujya muri Komite Nyobozi y'Umugoroba w'Ababyeyi ariko arawitabira
3. Bitewe n'ingingo ziganirwaho, hashobora gushyirwaho amatsinda adahoraho agizwe na bamwe mu bari muri Komite Nyobozi cg abandi bantu bizewe b'inyangamugayo, ashinzwe gukurikirana ikibazo runaka cyagejejwe ku Mugoroba w'Ababyeyi.

VIII. INSHINGANO ZA KOMITE NYOBOZI Y'UMUGOROBA W'ABABYEYI

7.1. Inshingano rusange:

- Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda z'Umugoroba w'Ababyeyi no gukangurira ababyeyi bombi (umugore n'umugabo) kuwitabira.

- Gutanga raporo ku Mukuru w'Umudugudu, iyo raporo bakayitegura bafatanyije n'umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abagore nawe uba witabiriye UWA.

- Gusura imiryango cyane cyane ifite ibibazo no kubagira inama yo gushaka ibisubizo ku buryo burambye.

7.2. Inshingano zihariye:

❖ **PEREZIDA**

1. Guhuza ibikorwa byose by'Umugoroba w'Ababyeyi;
2. Gutegura, gutumira no kuyobora Umugoroba w'Ababyeyi n'inama za Komite Nyobozi;
3. Kugenzura ko Umugoroba w'Ababyeyi utuma abatuye umudugudu biteza imbere kandi usubiza ibibazo biri mu miryango ;
4. Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo bya Komite Nyobozi n'iby'Inama Rusange y'Umugoroba w'Ababyeyi;
5. Guhagararira Komite Nyobozi y'Umugoroba w'Ababyeyi mu zindi nzego no gushyira umukono ku nyandiko zose z'Umugoroba w'Ababyeyi;
6. Kumenyekanisha ibyemezo by'inzego z'ubuyobozi ku Mugoroba w'Ababyeyi;
7. Gutanga raporo z'ibikorwa by'Umugoroba w'Ababyeyi mu buyobozi bw'inzego z'ibanze;
8. Kuyobora no gukurikirana itegurwa, ishyirwa mu bikorwa n'isuzuma rya gahunda y'ibikorwa by'Umugoroba w'Ababyeyi;
9. Kugira imikorere n'imikoranire n'izindi nzego.

❖ **VISI PEREZIDA**

1. Guhagararira no gusimbura Perezida igihe adahari;

2. Gushaka impuguke zafasha gutanga ibiganiro ku ngingo zateguwe kuganirwaho mu UWA zikeneye ubunararibonye mu bukungu, ubutabera, imiyoborere myiza n' imibereho myiza (ubuzima, imirire, isuku, kuboneza urubyaro, ubuzima bw'imyororokere, gahunda y'imbonezamikurire, ihohoterwa…).

❖ **UMUNYAMABANGA**

1. Gutegura no gutanga inyandiko zose z'Umugoroba w'Ababyeyi kubo bireba;

2. Gufasha Perezida gutegura gahunda y'Inama n'iy'UWA;

3. Kwandika raporo n'imyanzuro y'inama no kubisomera abitabiriye inama ikurikiraho kugira ngo bayemeze;

4. Kubika neza inyandiko zose zirebana n'Umugoroba w'Ababyeyi no kugira ibanga.

❖ **ABAJYANAMA**

1. Kugira inama Komite Nyobozi ku bijyanye n'imiyoborere y'Umugoroba w'Ababyeyi no guhanga udushya duteza imbere imiryango;

2. Kugira uruhare mu gukumira no gukemura amakimbirane ashobora kuvuka muri komite.

IX. URWEGO UMUGOROBA W'ABABYEYI UKORERAHO

Umugoroba w'Ababyeyi ukorera ku rwego rw'Umudugudu, abawugize bagahurira aho bumvikanye mu Mudugudu ku isaha bumvikanyeho.

X. ITANGIZWA RY'UMUGOROBA W'ABABYEYI N'IGIHE UTERANIRA

Umugoroba w'Ababyeyi wa mbere utumizwa n'Umukuru w'Umudugudu, abawitabiriye bakitoramo Komite Nyobozi izawuyobora ikamenyeshwa inshingano zayo nk'uko zagaragajwe mu ngingo ya 7, bakemeza umunsi, ahantu n' isaha bazajya bahuriraho.

Umugoroba w'Ababyeyi uterana nibura rimwe mu kwezi n'igihe cyose bibaye ngombwa. Bashobora guhura bakaganira ku ngingo runaka cyangwa bagakora igikorwa cyo kuremera, gufasha abatishoboye, igikorwa cy'iterambere, ….

XI. INGINGO ZIGANIRWAHO MU MUGOROBA W'ABABYEYI

Ibiganirwaho mu Mugoroba w'Ababyeyi bikubiye mu ngingo z'ingenzi zikurikira:

i. Ubukungu:

- Gukoresha neza umutungo w'urugo hirindwa gusesagura;
- Kwitabira gukorana n'ibigo by'imari, kuzigama no gutinyuka gukoresha inguzanyo;
- Kuremerana;
- Kwitabira gukorera mu makoperative; ibimina,…
- Gukoresha ikoranabuhanga mu buhinzi n'ubworozi, mu mirimo yo mu rugo (Biogaz, gaz, rondereza, gufata amazi y'imvura, imirasire y'izuba…);

ii. Imibereho myiza

- Gukangurira abagize umuryango kwita ku isuku (ku mubiri, ku myambaro, ku bikoresho byo mu rugo, mu bwiherero, mu nzu n'aho batuye, amazi akoreshwa n'ibindi),);
- Gukangurira ababyeyi kwita ku isuku y'abana, ku burere muri rusange, ku burere mbonezamikurire, ku burezi bwabo no kubaha urubuga rwo kuganira nabo;
- Gukumira no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina cyane cyane irikorerwa mu ngo n'irikorerwa abana by'umwihariko ndetse n'andi makimbirane ayo ariyo yose no gutanga amakuru kuri serivisi zifasha abahohotewe (Isange One Stop Centre, Maison d'Accès à la Justice, ….);
- Kwigisha imiryango gutegura indyo yuzuye (hakoreshejwe akarima k'igikoni, igikoni cy'umudugudu, gutera ibiti by'imbuto ziribwa;…)
- Gukangurira imiryango kwitabira gahunda y' ubwisungane mu kwivuza.
- Gukangurira abana n'urubyiruko kwirinda ibiyobyabwenge n'ibisindisha no kwirinda ingeso mbi zishobora gutuma habaho gutwara inda zidateganyijwe.
- Kwigisha abaturage ibijyanye n'uburenganzira bw'umwana
- Guhanga udushya dutuma barushaho kugira imibereho myiza

iii. Imiyoborere myiza

- Gutoza ababyeyi kwimakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'umugore n'umugabo no hagati y'abana ubwabo;
- Kwitabira ibikorwa by'iterambere rusange ry'Igihugu;
- Gutoza abana n'urubyiruko indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda n'uburere mboneragihugu;
- Gukangurira ababyeyi kohereza abana mu bikorwa by'Ihuriro ry'Abana
- Gukangurira imiryango gutunga ikayi y'imihigo y'umuryango no kubahiriza ibikubiyemo.
- Gutegura ibitaramo by'umuryango

iv. Ubutabera

- Gucyaha, kwamagana no kudahishira abakoze ihohoterwa rishingiye ku gitsina, ihohoterwa rikorerwa abana n'icuruzwa ry'abantu;
- Kwimakaza umuco wo kwirinda amakimbirane;
- Gutoza abagize umuryango kubana mu buryo bwemewe n'amategeko no kwandikisha abana ku gihe;
- Kuganira ku mategeko y'ibanze arengera umuryango.

Icyitonderwa:

1) Umugoroba w'ababyeyi wakomeza ibikorwa byiza watangiyebisanzwe bihari (nk'Umugoroba w'abana, Umugoroba w'Urubyiruko, kubyarana muri batisimu, gusasirana n'ibindi…
2) Urubyiruko rugmba gutumirwa nibura kabiri (2) mu mwaka kugira ngo ruganirizwe ku ngingo zibakangurira kuba abenegihugu beza(indangagaciro, kwigira, kwirinda ingeso mbi,….)

XII. RAPORO Z'UMUGOROBA W'ABABYEYI

- Raporo y'Umugoroba w'Ababyeyi ikorwa n'Umunyamabanga wa Komite Nyobozi yawo hifashishijwe ifishi yabugenewe (iri ku mugereka), ikemezwa na Perezida wa Komite Nyobozi y'Umugoroba w'Ababyeyi cyangwa Visi Perezida iyo Perezida adahari;
- Umugoroba w'Ababyeyi waganiriye ku bibazo runaka ntibibonerwe ibisubizo bishyikirizwa Umukuru w'Umudugudu nawe akabishyikiriza inzego zibishinzwe kandi akazabwira Komite Nyobozi uko byakemuwe nibura mu gihe cy'ukwezi.
- Uko Umugoroba w'Ababyeyi ubaye, hakorwa raporo ishyikirizwa Umukuru w'Umudugudu mu gihe kitarenze iminsi ibiri UWA ubaye;
- Umukuru w'Umudugudu amaze gushyikirizwa raporo ayigeza ku Munyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari nawe agahuza raporo zavuye mu Midugudu yose hanyuma raporo ivuyemo igashyikirizwa Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge;
- Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge ahuza raporo zavuye mu Tugari twose hanyuma raporo ivuyemo igashyikirizwa Umuyobozi w'Akarere;
- Akarere gahuza raporo zavuye mu Mirenge, raporo ivuyemo ikohererezwa Perezida w'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Igihugu, kakagenera kopi Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango;

- Buri kwezi buri rwego rukora raporo rufatanyije n'Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abagore kuri urwo rwego; Byaba byiza buri rwego rugiye rutanga raporo nibura mu gihe kitarenze iminsi ibiri rubonye raporo.
- Buri rwego ruhawe raporo rusabwa kujya rumenyesha urwego rwayihaye raporo uko ibibazo byakemuwe .

XIII. INZEGO ZIKURIKIRANA IMIKORERE Y'UMUGOROBA W'ABABYEYI N'INSHINGANO ZAZO

Inzego zikurikirana Umugoroba w'Ababyeyi n'inshingano zazo biteye ku buryo bukurikira:

URWEGO	INSHINGANO	UBISHINZWE	ABANDI BIREBA N'INSHINGANO ZABO
Umudugudu	✓ Gutangiza UWA ✓ Guhuza ibikorwa by'UWA no kubafasha gukemura ibibazo byananiranye ✓ Gukangurira abagabo n'abagore kwitabira UWA; ✓ Kwakira no gusesengura raporo yagejejweho na Komite y'UWA ✓ Kohereza raporo y'UWA ku Kagari.	Umukuru w'Umudugudu	✓ Komite y'UWA: kugeza ku mukuru w'Umudugudu raporo y'UWA buri kwezi ✓ Komite y'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Umudugudu: gufatanya n'Umukuru w'Umudugudu gukangurira abaturage kwitabira UWA no gutunganya raporo y'UWA ikoherezwa ku Kagari ✓ Inshuti z'Umuryango ku rwego rw'Umudugudu: kugeza ku bari mu UWA amakuru y'uko imiryango ihagaze no gushyikiriza umukuru w'umudugudu raporo
Akagari	✓ Gukurikirana ibikorwa by'UWA; ✓ Gukoresha inama ya komite z'UWA nibura rimwe mu gihembwe ✓ Guhuza raporo zavuye mu Midugudu no gutanga raporo ku Murenge	Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari	✓ Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Akagari: gufatanya n'Umuhuzabikorwa w'Akagari gutunganya raporo y'UWA ikoherezwa ku Murenge
Umurenge	✓ Gukurikirana ibikorwa by'UWA mu Tugari twose tugize Umurenge ✓ Guhuza za komite z'UWA nibura rimwe mu mezi 6 ✓ Guhuza raporo zavuye mu Tugari no kugeza raporo ihujwe ku rwego rw'Akarere ✓ Guhuza ibikorwa by'abafatanyabikorwa bakora kuri gahunda y'UWA ✓ Kongerera ubushobozi	Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge	✓ Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Umurenge: gufatanya n'Umuhuzabikorwa w'Umurenge gutunganya raporo y'UWA ikoherezwa ku Karere ✓ Abafatanyabikorwa: gukorana n'ubuyobozi bw'Umurenge mu kongera ubushobozi bw'UWA ku nzego z'ibanze (amahugurwa, ibikoresho, …)

	UWA		
Akarere	✓ Gushyira mu mihigo UWA ✓ Guhuza no gukurirana ibikorwa by'UWA mu Karere kose; ✓ Guhuza za komite z'UWA nibura rimwe mu mwaka ✓ Guhuza raporo zavuye mu Mirenge no kugeza raporo ku rwego rw'Igihugu; ✓ Guhuza ibikorwa by'abafatanyabikorwa bakora kuri gahunda y'UWA ✓ Guhugura no gutanga ibikoresho bikenewe mu UWA	Umuyobozi w'Akarere	✓ Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Akarere: gufatanya n'ubuyobozi bw'Akarere gutunganya raporo y'UWA ikohererezwa Perezida w' Inama y'Igihugu y'Abagore ku rweg rw'Igihugu, Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango akagenerwa kopi ✓ Abafatanyabikorwa: gukorana n'ubuyobozi bw'Akarere mu kongera ubushobozi bw'UWA ku nzego z'ibanze (amahugurwa, ibikoresho, …)
Urwego rw'Igihugu	✓ Gutanga imirongo ngenderwaho y'UWA ✓ Guhuza no gukurirana ibikorwa by'UWA mu Gihugu hose ✓ Gushyiraho umurongo wo gukurikirana no gusuzuma UWA ✓ Guhuza abafatanyabikorwa mu UWA ✓ Kongerera ubushobozi inzego za UWA	Umunyamabanga Uhoraho/ MIGEPROF	✓ Komite Mpuzabikorwa ishinzwe gukurikirana , korohereza no gutanga imirongo ngenderwaho mu bijyanye n'UWA. Iyo komite igizwe na: MIGEPROF, MINALOC, MINEDUC, NWC, NCC, RNP, MYICT, GMO, MOH, MINAGRI, Uhagarariye za NGOs n'abandi bafatanyabikorwa ✓ Abafatanyabikorwa: gukorana na Minisiteri mu kongera ubushobozi bw'UWA (amahugurwa, ibikoresho, …)
	✓ Gushishikariza abagize umuryango kwitabira UWA ✓ Gukurikirana ibikorwa by'UWA mu Turere twose tw'Igihugu ✓ Guhuza raporo zavuye mu Turere twose, kuyisesengura no kuyishyikiriza MIGEPROF , buri kwezi	Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abagore	✓ Inzego zose za NWC: gukorana n'nzego z'ibanze kuri buri rwego kugira ngo bakurikirane imikorere myiza y'UWA mu gihugu cyose.
	✓ Gukurikirana ko Uturere twashyize mu mihigo no mu ngengo y'imari ya buri mwaka UWA	Umunyamabanga Uhoraho/ MINALOC	✓ Uturere: gushyira mu mihigo , mu ngengo y'imari gukurikirana no korohereza UWA no gutanga raporo buri kwezi.

XIV. IMIGEREKA

14.1. AMAFISHI YO GUTANGIRAHO RAPORO

14.1.1. IFISHI YUZUZWA NA KOMITE NYOBOZI Y'UMUGOROBA W'ABABYEYI

UMUDUGUDU:……..

AKAGARI :……..

UMURENGE:……..

AKARERE:……..

Itariki Umugoroba w'Ababyeyi wabereyeho: …../…./……

UMUBARE W'ABABYEYI BATUYE UMUDUGUDU		UMUBARE W'ABITABIRIYE		INGINGO ZAGANIRIWEHO	IBIKORWA BY'INDASHYIKIRWA BYAKOZWE	IMBOGAMIZI	IBYIFUZO
GABO	GORE	GABO	GORE				

Andi makuru y'ingenzi:

Bikozwe na: Byemejwe na:

Amazina n'Umukono Amazina n'Umukono bya Perezida w'UWA

14.1.2. IFISHI YUZUZWA N'UBUYOBOZI BW' AKAGARI, UMURENGE N'AKARERE

Urwego: ……

Ukwezi: …….

IMIBARE Y'IMIDUGUDU: ……		**UMUBARE W'ABABYEYI BAGOMBA KWITABIRA UWA**		**UMUBARE W'ABABYEYI BITABIRIYE**		**INGINGO ZAGANIRIWEHO**	**IBIKORWA BY'INDASHYIKIRWA BYAKOZWE**	**IMBOGAMIZI**	**IBYIFUZO**
IKORA UWA	**IDAKORA UWA**	**GABO**	**GORE**	**GABO**	**GORE**				

Andi makuru y'ingenzi:

Bikorewe …….ku wa……./……../……

Bikozwe na: **Byemejwe na**:

Amazina n'Umukono Amazina n'Umukono by'Umuyobozi na kashi

14.2. UBURYO UMUGOROBA W'ABABYEYI UYOBORWA

Ibiganiro byose bitangirwa mu mugoroba w'ababyeyi biyoborwa ku buryo bukurikira:

1. Kwicara kw'abitabiriye Umugoroba w'Ababyeyi (bicara ku ruziga rufunguye),
2. Ijambo ry'ikaze ritangwa na Perezida w'UWA
3. Kwibukiranya ibyavuzwe mu Mugoroba w'Ababyeyi uheruka
4. Kugaragaza ingingo iganirwaho uwo munsi
5. Kwinjira muri gahunda y'umunsi
    - Ivumburamatsiko (hakoreshejwe, inkuru nto, ibibazo, amashusho, indirimbo, agakino, …….)
    - Guhana umwanya w'ijambo (buri wese agaragaza icyo yakuyemo)
    - Kwinjira mu kiganiro nyirizina (Uyoboye ikiganiro asobanura ibyo yateguye ari nako aha umwanya ufite ikibazo cyangwa igitekerezo)
    - Umwanya buri wese agaragaza icyamufashije
    - Incamake y'ibyavuye mu biganiro
6. Umukoro wo mu rugo
7. Kumvikana kuri gahunda y'ubutaha
8. Guha umwanya Inshuti z'Umuryango zigatanga amakuru y'uko imiryango ihagaze (bibaye ngombwa)
9. Gutanga no gukemura ibibazo byihariye
10. Utuntu n'utundi (amatangazo)
11. Gushimira no gusoza

Icyitonderwa: Umugoroba w'Ababyeyi ushobora kwemeza ko hakorwa ibindi bikorwa bitari ibiganiro: nko gusurana, kuremerana, gufasha abatishoboye, kwerekana uko bategura indyo yuzuye, gukoresha igikoni cy'umudugudu, ……